RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'Amakuru y'Imikino yaranze icyumweru

## 2022 Taliki 04-06 Ugushyingo




P1. Kung Fu – Wushu: Hasojwe shampiyona y'igihugu

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y’u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n’iby’abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y’Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by’umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n’ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y’u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

# Ibirimo


P1 **Kung Fu – Wushu:** Hasojwe shampiyona y'igihugu

P2 **ARPST:** RBC FC yegukanye igikombe itsinze RwandAir FC

P2 **Football :** Habaye imikino y'umunsi wa 8 wa shampiyona

P3 **Volleyball:** REG VC na APR VC ni zo ziyoboye shampiyona nyuma y'umunsi wa 4

P4 **Cycling:** Ababiligi ni bo begukanye "Rwandan Epic 2022"

P5 **Table Tennis:** Hamaze gutoranywa abana 23 bafite impano

P6 **Triathlon:** Mutijima na Uwizeye ni bo begukanye irushanwa ryabereye i Nyanza

P7 **Cricket:** Ikipe y'u Rwanda irimo kwitegura imikino yo gushaka itike y'igikombe cy'Isi

# 1 Kung Fu - Wushu: Hasojwe shampiyona y'igihugu

Ku Cyumweru taliki 06 Ugushyingo 2022 mu Kigo cy'Urubyiruko cya Kimisagara habereye imikino ya nyuma muri shampiyona y'igihugu mu mukino njyarugamba wa Kung Fu - Wushu "National Kung Fu - Wushu Championship 2022".

Iyi mikino isoza yabaye nyuma y'imikino y'amajonjora yabereye mu Ntara zose kuva taliki 02 kugeza 30 Ukwakira 2022. Ku munsi wa nyuma hitabiriye abakinnyi 72 barimo 66 mu bagabo na 6 mu cyiciro cy'abagore. Muri aba bakinnyi b'abagabo, 31 bahatanye mu kwiyereka "Taolu", 35 bahatana mu kurwana "Sanda" naho mu bakobwa bahatanye mu kwiyereka.



umujyi wa Kigali ni wo witwaye neza aho wegukanye imidali 16 harimo imidali 7 ya zahabu, 7 ya Feza n'indi ibiri y'Umuringa.

Intara y'Iburasirazuba ni yo yabaye iya kabiri aho yatwaye imidali 16 harimo 4 ya zahabu, 6 ya Feza n'indi 6 y'Umuringa.

Imikino ya nyuma ya shampiyona y'igihugu yakurikiranwe na Ambasaderi w'u Bushinwa mu Rwanda, Wang Xuekun, Umunyamabanga Mukuru wa Komite Olempike y'u Rwanda "RNOSC", Kajangwe Joseph n'abandi batandukanye.

Perezida w' ishyirahamwe ry'umukino wa Kung Fu-Wushu mu Rwanda "RKWF", Uwiragiye Marc yatangaje ko muri rusange imikino yo gusoza shampiyona y'igihugu yagenze neza.

Akomeza avuga ko amarushanwa yose yari ateganyijwe muri uyu mwaka yagenze neza bikaba bibaha icyizere ko n'umwaka utaha w'imikino uzagenda neza kurushaho.

Umunyamabanga Mukuru wa Komite Olempike y'u Rwanda "RNOSC", Kajangwe Joseph yatangaje ko kuba RKWF yarateguye shampiyona ku rwego rw'igihugu ikagenda neza ari ibintu bishimira kandi bituma bakomeza gukorana na bo no kubashyigikira.

Mu mwaka utaha w'imikino wa 2023, muri RKWF bifuza gushyira imbaraga mu kongerera ubumenyi abatoza n'abakinnyi ndetse no gushyira mu bikorwa umushinga bamaranye iminsi wo gutangiza umukino wa Kung Fu Wushu mu mashuri.








## ARPST: RBC FC yegukanye igikombe itsinze RwandAir FC

Ku wa Gatandatu taliki 05 Ugushyingo 2022 ni bwo hasojwe shampiyona y'imikino y'abakozi itegurwa n'ishyirahamwe riteza imbere imikino y'abakozi mu Rwanda "ARPST"

Ikipe y'ikigo cy'Igihugu gishinzwe ubuzima "RBC" mu mupira w'amaguru yatsinze RwandAir FC ku mukino wa nyuma ibitego 2-1. Uyu mukino wabereye kuri Sitade ya Kigali i Nyamirambo ari na ho hatangiwe ibihembo ku makipe yitwaye neza.

Muri Basketball mu bigo bifite abakozi 100 kuzamura, RwandAir BBC yegukanye igikombe itsinze WASAC BBC ku mukino wa nyuma ku manota 70-47.

Muri Basketball y'ibigo byigenga, STECOL yari nshya muri iyi shampiyona, yegukanye igikombe itsinze Bank y'Abaturage (BPR) ku manota 71-61.

Muri Volleyball y'ibigo bifite abakozi bari munsi y'100, Primature yegukanye igikombe itsinze MINISPORTS ku mukino wa nyuma.

Mu cyiciro cy'abagore muri Basketball, REG yegukanye igikombe itsinze RSSB, mu gihe muri Volleyball cyegukanywe na RRA yatsindiye ku mukino wa nyuma MoD.

Nyuma yo gusoza umwaka w'imikino, Perezida wa ARPST, Mpamo Thierry Tigos yavuze ko wabaye umwaka mwiza ugereranyije n'ishize, kuko iri shyirahamwe ryanungutse abafatanyabikorwa bashya.

Biteganyijwe ko amakipe yitwaye neza akagera ku mukino wa nyuma mu mupira w'amaguru na Volleyball azitabira imikino y'Afurika izabera Banjul muri Gambia muri Werurwe 2023.





## Football : Habaye imikino y'umunsi wa 8 wa shampiyona

Taliki 04 kugeza 06 Ugushyingo 2022 habaye imikino y'umunsi wa 8 wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagabo. Ikipe ya Rayon Sports yitwaye neza itsinda Sunrise FC igitego 1-0 yisubiza umwanya wa mbere ku rutonde by'agateganyo.

Imikino y'umunsi wa 9 biteganyijwe ko izaba kuva taliki 11 kugeza 13 Ugushyingo 2022.

**Uko imikino yagenze**
**Taliki 04-11-2022**

- Rayon Sports **1-0** Sunrise FC

**Taliki 05-11-2022**

- Musanze FC **2-3** Mukura
- Marine FC **2-2** Police FC

**Taliki 06-11-2022**

- Rwamagana City FC **1-1** Etincelles FC
- AS Kigali **0-0** Bugesera FC
- Espoir FC **1-1** Gasogi United FC
- Rutsiro FC **2-2** Kiyovu
- APR FC **1-0** Gorilla FC

### Urutonde rwa shampiyona 2022-2023

| Umwanya | Ikipe | Imikino | Amanota |
|---|---|---|---|
| 1 | Rayon Sports | 6 | 18 |
| 2 | Kiyovu | 8 | 17 |
| 3 | AS Kigali | 6 | 14 |
| 4 | APR FC | 7 | 14 |
| 5 | Gasogi United FC | 8 | 14 |
| 6 | Musanze FC | 8 | 13 |
| 7 | Police FC | 8 | 11 |
| 8 | Bugesera FC | 6 | 10 |
| 9 | Mukura | 8 | 09 |
| 10 | Etincelles FC | 8 | 09 |
| 11 | Rutsiro FC | 8 | 08 |
| 12 | Gorilla FC | 7 | 08 |
| 13 | Sunrise FC | 8 | 08 |
| 14 | Espoir FC | 8 | 06 |
| 15 | Rwamagana City | 8 | 04 |
| 16 | Marines FC | 7 | 02 |



## 3 **Volleyball:** REG VC na APR VC ni zo ziyoboye shampiyona nyuma y'umunsi wa 4

Taliki 05 na 06 Ugushyingo 2022 habaye imikino y'umunsi wa 4 "Phase 4" muri shampiyona y'icyiciro cya mbere muri Volleyball "Rwanda National Volleyball League 2022-2023" mu bagabo n'abagore.

Ikipe ya REG VC mu bagabo na APR VC mu bagore ni zo ziyoboye urutonde muri rusange by'agateganyo.

Mu bagabo, imikino y'amajonjora yabereye mu Busanza mu Mudugudu wa "Rwanco" aho ikipe ya REG VC yatsinze KVC amaseti 3-0, Gisagara VC itsinda IPRC Musanze VC amaseti 3-0, ForeFront VC itsinda Kirehe VC amaseti 3-1 naho APR VC itsinda IPRC Ngoma VC amaseti 3-1.

Mu mikino ya ½ cy'irangiza, ikipe ya REG VC yatsinze ForeFront VC amaseti 3-0 naho Gisagara VC itsinda APR VC amaseti 3-0.

Mu guhatanira umwanya wa 3, ikipe ya APR VC yatsinze ForeFront VC amaseti 3-0 naho ikipe ya REG VC yegukana umwanya wa mbere itsinze Gisagara VC amaseti 3-1 (25-23, 19-25, 25-22 na 25-17).

Agace ka 4 karangiye ikipe ya REG VC iyoboye n'amanota 8, Gisagara VC (7), APR VC (6), ForeFront VC (5), IPRC Ngoma (4), Kirehe VC (3), IPRC Musanze VC(2) na KVC (1).

Muri rusange, ikipe ya REG VC yari yegukanye agace ka gatatu ni yo ikomeje kuyobora urutonde aho ifite amanota 29, Gisagara VC (27), ForeFront VC (23), APR VC (23), IPRC Ngoma VC (16), Kirehe VC (23), IPRC Musanze VC (10) na KVC (04).




**Mu bagore, APR VC ikomeje kwitwara neza**

Mu bagore, imikino y'amajonjora yabereye muri Notre Dame des Anges Primary School i Remera aho ikipe ya ForeFront VC yatsinze St Bernadette VC amaseti 3-0, RRA VC itera mpaga IPRC Kigali (amaseti 3-0) naho Ruhango VC itsinda IPRC Huye amaseti 3-0.

Mu mikino ya ½ cy'irangiza, APR VC yatsinze RRA VC amaseti 3-1 naho ForeFront VC itsinda Ruhango VC amaseti 3-0.

Mu guhatanira umwanya wa 3, ikipe ya RRA VC yatsinze Ruhango VC amaseti 3-0 naho mu guhatanira umwanya wa mbere, ikipe ya AR VC itsinda ForeFront VC amaseti 3-2 (18-25,13-25, 25-19,25-15 na 15-11).

Ikipe ya APR VC yasoje iyoboye agace ka kane n'amanota 7 ikurikirwa na ForeFront VC (6), RRA VC (5), Ruhango VC (4), IPRC Huye VC (3), St Bernadette VC (2) na IPRC Kigali (0).

Muri rusange nyuma y'uduce tune, ikipe ya APR VC ni yo iyoboye n'amanota 28, ikurikiwe na ForeFront VC (24), RRA VC (20), Ruhango VC (15), IPRC Huye VC (10), IPRC Kigali VC (7) na St Bernadette VC (4).

Imikino y'umunsi wa gatanu "Phase 5" izabera mu Karere Musanze taliki 26 na 27 Ugushyingo 2022.



# **Cycling:** Ababiligi ni bo begukanye “Rwandan Epic 2022”

Ikipe igizwe n’abakinnyi bakomoka mu Bubiligi, Frans Claes na Jens Schuermans ni yo yegukanye isiganwa ryo mu misozi “Rwandan Epic 2022” ryakinwaga ku nshuro ya gatatu kuva taliki 01 kugeza 05 Ugushyingo 2022.




Nyuma y’uduce dutanu twabereye mu gice kinini cy’Amajyaruguru y’u Rwanda n’Uburengerazuba, Frans Claes na Jens Schuermans bagaragaje urwego ruri hejuru cyane y’abo bari bahanganye maze begukana uduce tune kuri dutanu banaza imbere ku bihe rusange bakoresheje amasaha 10, iminota 8 n’amasegonda 38. Na mbere y’isiganwa iyi kipe yahabwaga amahirwe yo gutsinda kubera ko Claes na Schuerman bafite uburambe bwo ku rwego rwo hejuru muri uyu mukino. Jens Schuerman yinjiye muri iri siganwa ahagaze ku mwanya wa 14 ku isi.

Agace ka mbere k’isiganwa kakiniwe mu Mujyi wa Kigali mu buryo bw’umukinnyi akina ku giti cye “Individual Time Trial” maze Claes na Schuerman baba ari bo bakoresha ibihe bito.

Umunsi wa kabiri wari ukomeye cyane kubera intera ya kilometero 100 abasiganwa bagombaga gukora bagasoreza mu Mujyi wa Musanze. Kuri iyo nshuro nabwo Claes na Schuerman ni bo babaye aba mbere, bagera ku murongo basize ikipe ya kabiri iminota 30.

Ku munsi wa gatatu guhatana byatangiye kuzamuka, ikipe ya Amani igizwe na John Kariuki (Kenya) na Jordan Schleck (Uganda) ubwo yabaga iya kabiri ikurikiye iya Claes na Schuerman ikagabanya ibihe yasigwagaho. Aha abasiganwa bazengurukaga mu Kinigi, mu Karere ka Musanze.

Agace ka kane nako kakiniwe mu Kinigi gatangirira ahakunze kubera umuhango wo kwita izina Ingagi kaba ari naho gasorezwa. Claes na Schuerman ni bo bakegukanye. Ikipe ya Habimana Jean Eric (Rwanda) na Tumelo Makae (Lesotho) yabashije kwegukana agace ka gatanu ari nako ka nyuma. Aha abasiganwa bahagurutse mu Karere ka Nyabihu basoreza mu mujyi wa Rubavu.

Muri rusange abasiganwe bakoze intera ya kilometero 273.3, ikipe ya Frans Claes na Jens Schuermans yegukanye umwanya wa mbere aho yakoresheje amasaha 11, iminota 16 n’amasegonda 44. Ku mwanya wa kabiri haje John Kariuki (Kenya) na Jordan Schleck (Uganda) bakoresheje amasaha 12, iminota 48 n’amasegonda 48 naho ku mwanya wa 3 haza Habimana Jean Eric (Rwanda) na Tumelo Makae (Lesotho) bakoresheje amasaha 12, iminota 55 n’amasegonda 02.

Rwandan Epic ni isiganwa ryo mu misozi ritegurwa na Rwanda Alternative Riding ifatanije n’ishyirahamwe ry’umukino w’amagare mu Rwanda “FERWACY”. Ryatangiye gukinwa muri 2019, umwaka ukurikiyeho wa 2020 rijya ku rwego mpuzamahanga. Muri 2021 ntiryabaye kubera icyorezo cya COVID-19.



# **Table Tennis:** Hamaze gutoranywa abana 23 bafite impano

Ishyirahamwe ry'umukino wa Table Tennis mu Rwanda “RTTF” ku bufatanye na Komite Olempike y’u Rwanda ku nkunga ya “Olympic Solidarity” binyuze muri gahunda yo gutegura abakinnyi bakiri bato "Youth Athlete Development Programme 2021-2024",

Kuri ubu hamaze gutoranywa abana 23 bafite impano bagomba gukurikiranwa hagamijwe gutegura abazitabira abazaserukira u Rwanda mu imikino y'Afurika y’Urubyiruko (African Youth Games) izabera i Maseru, Lesotho mu mwaka wa 2026 ndetse n’imikino Olempike y’Urubyiruko (Youth Olympic Games) izabera i Dakar, Senegal mu 2026.

Iki gikorwa cyatangiriye i Rilima mu Karere ka Bugesera taliki 29 na 30 Ukwakira 2022 hatoranywa abana 15.

Taliki 05 na 06 Ugushyingo 2022, iki gikorwa cyakomereje i Rubavu ahari abana bagera kuri 25 ahatoranyijwe 8.

Kajugiro Fidele Sebalinda, ushizwe iterambere rya siporo muri Komite Olempike y’u Rwanda yashimiye RTTF kubera imbaraga bashyize mu bana bakiri bato anasaba ababyeyi gukomeza gushyigikira abana babo cyane cyane abakobwa kubera ko umubare wabo ukiri muto muri uyu mukino.

Umuyobozi muri Minisiteri ya Siporo “MINISPORTS” ushinzwe ingaga n’amashyirahamwe y’imikino, Habyarimana Florent yashimye iyi gahunda ndetse akaba yizeye ko izafasha n'amashyirahamwe y’imikino kongera gusubira hasi muri clubs bagategura amakipe y'igihugu bahereye mu bato.

Iki gikorwa kizasorezwa mu Mujyi wa Kigali taliki 12 na 13 Ugushyingo 2022.

Iyi gahunda yo gutegura abakinnyi bakiri bato "Youth Athlete Development Programme 2021-2024" irimo imikino ine ari yo; Table Tennis, Tennis, Koga “Swimming” ndetse n’umukino w'amagare “Cycling”.



# **Triathlon:** Mutijima na Uwizeye ni bo begukanye irushanwa ryabereye i Nyanza

Ku wa Gatandatu taliki 05 Ugushyingo 2022, ishyirahamwe ry'umukino wa Triathlon mu Rwanda "RTF" ku bufatanye n'abaterankunga batandukanye bateguye isiganwa ryabereye mu Karere ka Nyanza «Nyanza Cultural Duathlon National Championship 2022».

Iri siganwa ryazengurutse mu bice bitandukanye by'Umujyi wa Nyanza, abasiganwa bakoze intera ya kilometero 7.5 mu kwiruka n'amaguru ndetse na kilometero 20 mu kunyonga igare.

Mu bagabo, Mutijima François yegukanye umwanya wa mbere akurikirwa na Hakizimana Félicien naho ku mwanya wa 3 haza Gatete Vital.

Mu bagore, Uwizeye Valentine yegukanye isiganwa akurikirwa na Mutimukeye Saidat na ho ku mwanya wa 3 haza Mukamuhire Irene.

Mu basiganwe kandi harimo abakoresheje amagare asanzwe, Nizeyimana Eric ukinira ikipe ya Gicumbi yegukanye umwanya wa mbere.

Muri iri siganwa mu cyiciro cy'abafite ubumuga, Rukundo Augustin yitwaye neza aho yakinnye isiganwa ryose akarisoza.

Mu bandi bashimiwe harimo Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Busasamana ahabereye irushanwa, Bizimana Egide wakinnye irushanwa akanarisoza.

Perezida wa "RTF", Mbaraga Alexis yatangaje ko irushanwa muri rusange ryagenze neza kuko nta mpanuka yabaye. Yakomeje avuga ko ubwitabire bwari bwinshi bigaragaza ko uyu mukino ukunzwe.

Mbaraga akomeza agira ati : "Nyuma yo gukundisha abanyarwanda uyu umukino ikigomba gukurikiraho ni ukubigisha amategeko yawo."

Umuyobozi w'Akarere ka Nyanza, Ntazinda Erasme nyuma y'iri rushanwa ryari ribereye muri aka Karere ku nshuro ya gatatu yatangaje ko bishimiye ko ryagenze neza kuko bituma abatuye aka Karere bishima ndetse n'abakinnyi b'aka Karere babona umwanya wo guhangana n'abandi kugira ngo barebe urwego bariho.

Yakomeje agira ati : "Ni irushanwa twakiriye neza kandi tuzahora twakira igihe cyose kuko ryabaye ngaruka mwaka."
Meya w'Akarere ka Nyanza avuga ko bagiye gushyira ingufu mu ikipe y'aka Karere. Ati: "Twabonye Karongi na Gicumbi bafite ikipe, natwe tugiye kubishyiramo imbaraga kugira ngo n'ikipe yacu ijye ikora imyitozo ibone n'ibikoresho, tuzafatanya n'abakinnyi dufite batari babi ariko bagomba kongera imbaraga kugira ngo bitware neza."

Biteganyijwe ko umwaka w'imikino muri Triathlon uzasozwa n'irushanwa rizabera i Kigali taliki 18 Ukuboza 2022 aho abasiganwa bazakora intera ndende mu rwego rwo kwitegura amarushanwa mpuzamahanga.






# **Cricket**: Ikipe y'u Rwanda irimo kwitegura imikino yo gushaka itike y'igikombe cy'Isi

Kuva taliki 17 Ugushyingo kugeza 09 Ukuboza 2022 mu Rwanda hazabera imikino yo gushaka itike y'igikombe cy'Isi 2024 mu mukino wa Cricket mu bagabo "ICC Men's T20 World Cup 2024".

Ku rwego rw'Afurika "ICC Men's T20 World Cup Africa Qualifier 2022-2023", ikipe y'u Rwanda iri mu itsinda A hamwe na Botswana, Kenya, Lesotho, Malawi, Mali, Seychelles na St Helena. Imikino izatangira taliki 17 kugeza 25 Ugushyingo 2022.
Mu itsinda B hari Cameroon, Eswatini, Gambia, Ghana, Mozambique, Nigeria, Sierra Leone na Tanzania. Imikino izatangira taliki 01 isozwe 09 Ukuboza 2022. Iyi mikino izabera kuri Sitade Mpuzamahanga ya Gahanga na IPRC Kigali.

Muri buri tsinda amakipe yose azakina hagati yayo hanyuma 2 ya mbere muri buri tsinda akomeze mu cyiciro cya nyuma aho aziyongera kuri Namibia, Uganda na Zimbabwe nyuma azakine hagati yayo ubundi amakipe abiri ya mbere abone itike y'igikombe cy'Isi "ICC Men's T20 World Cup 2024" kizabera muri West Indies na USA muri Kamena 2024.

Ikipe y'u Rwanda mu rwego rwo kwitegura iyi mikino yo gushaka itike, taliki 31 Ukwakira kugeza 06 Ugushyingo 2022 yakinnye n'ikipe y'igihugu ya Tanzania imikino 6 ya gicuti aho yabereye i Dar es salaam muri Tanzania. Iyi mikino ya gicuti yabereye ku kibuga Annadil Burhani yose ikipe y'u Rwanda yarayitsinzwe.

Kapiteni w'ikipe y'u Rwanda, Rubagumya Clinton Innocent yatangaje ko iyi mikino ya gicuti bakinnye n'ikipe y'igihugu ya Tanzania yabafashije cyane. Yagize ati : "Twashakaga gukina n'ikipe iturusha ngo turebe uko duhagaze."

Yakomeje avuga ko hari bamwe mu bakinnyi bari bahamagawe bwa mbere mu ikipe y'igihugu nkuru ariko yishimira uko bitwaye. Ati : "Nkurikije uko bitwaye ari ubwa mbere byampaye icyizere ko ubwo bazaba bari hano twizeye ibyiza byinshi."
Ku bijyanye n'imikino yo gushaka itike y'igikombe cy'Isi 2024, Rubagumya avuga ko icyo basabwa ari ugusoreza mu makipe abiri ya mbere kandi bizeye ko bazabikora.

Umutoza mukuru w'ikipe y'u Rwanda, Martin Suji yatangaje ko imikino nk'iyi ifasha abakinnyi kuzamura urwego rwabo rw'imikinire. Yakomeje avuga ko ikipe y'igihugu mu bagabo yari imaze hafi imyaka 7 idasohoka ngo ikine imikino nk'iyi.
Agaruka ku mikino yo gushaka itike y'igikombe cy'Isi igiye kubera mu Rwanda, umutoza Martin Suji yavuze ko ikipe yiteguye neza kandi muri iyi minsi bagiye gukosora udukosa bakoraga mu gutera agapira "Bowling" ndetse no gukubita agapira bashaka amanota "Batting" kugira ngo bazabashe kwitwara neza.

**Ikipe y'igihugu yatangiye umwiherero**

Kuva ku wa Gatatu taliki 09 Ugushyingo 2022 ikipe y'igihugu yatangiye umwiherero yitegura iyi mikino yo gushaka itike y'igikombe cy'Isi.

Abakinnyi bari mu mwiherero ni Rubagumya Clinton Innocent (Kapiteni), Dusingizimana Eric, Ndikubwimana Didier, Tuyisenge Orchide, Niyitanga Wilson, Niyomugabo Eric, Manishimwe Oscar, Bimenyimana Zappy, Mitali Yvan, Kubwimana Eric, Irakoze Kevin, Akayezu Martin (Visi Kapiteni), Ntirenganya Ignace na Sebareme Emmanuel.





RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera-Hallmark Center Building KG 17 Ave